<u>Ndahiro II cyamatare</u>

Hashize imyaka myinshi u Rwanda rwubakiye ku bwami bwa Nyiginya. Muri ibyo bihe, haje Umwami witwaga Ndahiro, umuhungu wari umutoni ku mwami Ruganzu Bwimba. Ndahiro Yari umusore w'intwari, ariko ubuzima bwe bwuzuyemo imitego n'urwango rwabandimwe be.

Bene se ba Ndahiro bamujyirira Ishyamba. Bamaze kubona ko arazwe ingoma, batangira kumuvumira kugahera no guhakana ubwami bwe. Nibwo bifatanyije n'abanzi b'igihugu, 'Bambara ndetse n'umwami Nsibura baza gutera umwami Ndahiro'.

Inkuru y'icyo gitero yakwirakwiye nk'umuyaga, abiru baravu bati: *'U Rwanda rugiye guhora amarira!'*

Urugamba rwahereye i **Rwoga**. Abiru baricwa, ingoma nyabutatu ihinduka umuyonga. Umugabekazi Arakometswa aterwa ubwoba, ariko akomeza guhagarara ku ruhande rw'umwami we. Ndahiro abonye ko uragamba rukaze abakuru bamujyira inama yo kubunda, afata inzira y'ubuhungiro.

Ariko se, ari wowe wahunga uwakwiciye umugore gute?

Ku musozi w' **Irubi** ry'i **Nyundo** bari murugamba, umwe mu Bagara arega umuheto awuhamya Ndahiro mu rutugu, ajyenda ahungira kugasozi ka Nyundo.Bamufatirayo Bamutera amacumu, amaraso ye amanukira ku rutare, igihugu cyose gihinda umuborogo. Uwo munsi, u Rwanda rwaguye ishyanga.

Nsibura n'abanzi be banyaga ingoma.

Ariko nubwo Ndahiro yaguye nk'intwari, amaraso ye ntiyapfuye ubusa. Yabaye imbuto yo kugaruka kwa **Ruganzu II Ndoli**, umuhungu we, waje kuzungura u Rwanda, Yaje nk'umurabyo mu gicu cy'umwijima..

NDAHIRO II CYAMATARE: Yabyaye intwari nanubu zikivugwaho byinshi bitandukanye.
Nk' Impfura ye RUGANZU II NDOLI, n' Umukobwa we NYABYINSHI.

UBUGAMBANYI BURIMBURA BYINSHI

ARIKO AMARASO Y INTWARI AHORA AVUGIRA IGIHUGU.

Ndahiro II Cyamatare amaze kugabwaho igitero cya Nsibura,
yahungishije abana be barimo RUGANZU NDOLI na NYABYINSHI,
kugira ngo bazungure ingoma Nyiginya. We afatirwa Irubi ry'i Nyundo aricwa,
ariko abo bana be baje kuba intwari z'u Rwanda.